




REPUBLIKA Y'U RWANDA
REPUBLIC OF RWANDA



URWEGO RUSHINZWE INTWARI Z'IGIHUGU, IMIDARI N'IMPETA BY'ISHIMWE
CHANCELLERY FOR HEROES, NATIONAL ORDERS AND DECORATIONS OF HONOUR(CHENO)

AMARUSHANWA Y'IMIVUGO N'INDIRIMBO BISINGIZA INTWARI Z'IGIHUGU

ISOBANURAMPAMVU

0. INTANGIRIRO

Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe, rufite mu nshingano gukora ubukangurambaga no gufatanya n'izindi nzego kwigisha Abanyarwanda cyane cyane urubyiruko umuco w'ubutwari.

Ubu bukangurambaga bukaba bushobora gukorwa hifashishijwe ibiganiro mbwirwaruhame, inyandiko, imfashanyigisho, amashusho, indirimbo, imivugo n'ibindi birango bitandukanye bigera ku Banyarwanda bivuga cyangwa bigaragaza umuco w'ubutwari n'indangagaciro ziwushamikiyeho.

Ni muri urwo rwego, muri uyu mwaka wa 2020-2021, Urwego rwateguye amarushanwa y'imivugo n'indirimbo bisingiza Intwari z'u Rwanda bikanamamaza indangagaciro z'umuco w'ubutwari.

1. IMITERERE Y'AMARUSHANWA

Binyujijwe ku rubuga rw'Urwego (CHENO) n' ibinyamakuru bikorera kuri murandasi (online) bikurikira:

- Cheno.gov.rw
- IGIHE.com
- KIGALI TODAY
- UMUSEKE.Com



- UKWEZI.Com
- INTWARI.Rw

Hazanyuzwa itangazo rikangurira Abanyarwanda babizi kandi babifitiye ubushobozi gukora imivugo n'indirimo bisingiza Intwari z'Igihugu, bikanakangurira Abanyarwanda cyange cyane uruburuko kwimakaza umuco w'ubutwari.

Amarushanwa azakorwa mu gihe cy'ibyumweru bibiri uhereye tariki 11/01/2020 kugeza tariki 25/01/2021; abitabiriye amarushanwa bazageza ibihangano ku Rwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe bifashishije uburyo bukurikira:

- Ushobora kohereza igihangano kuri email ikurikira: info@cheno.gov.rw y'Urwego/CHENO;
- Ushobora gushyira igihangano cyawe ku Facebook, Twitter, Instagram, Youtube accounts zawe, wanditse #Intwari2021Umuvugo cyangwa #Intwari2021Indirimbo,(bifatanye) bitewe n'amarushanwa witabiriye, ukabisangiza abandi ukoresheje (Tag) <https://www.facebook.com/chenorwanda>, <https://mobile.twitter.com/intwarizurwanda>, <https://www.facebook.com/igihe>, <https://twitter.com/igihe?s=11>, <https://instagram.com/igiheofficial?igshid=1ff74g1gxuk6l>, <https://www.youtube.com/user/IgiheTV>, <https://web.facebook.com/Umuseke.rw>, <https://twitter.com/Umuseke>, twitter.com/UkweziNews, facebook.com/UkweziNews.
- Ushobora kunyuzza ibihangano bifashe mu buryo bw'amashusho kuri whatsapp zikurikira: 0788301634 ya **RWAKA Nicolas**, Umuyobozi w'Ishami ry'Ubushakashatsi na 0784366908 ya **GATSINZI Serge**, Umukozi ushinze Inyandiko no gutoza Indangagaciro z'ubutwari na 0788674467 ya **HABINSHUTI Robert**, Umukozi Ushinzwe Ikoranabuhanga/CHENO.

Imivugo n'indirimo zizagezwa ku Rwego zizatoranywamo 5 bya mbere, ababikoze basabwe no kubigaragaza imbere y'itsinda (presentation). Muri aba 5 hazatoranywamo 3 ba mbere, muri buri kiciro ari nabo bazahembwa kandi ibihangano byabo bigatunganywa mu buryo bw'amajwi n'amashusho.



2. IMIKORESHEREZE Y'IMIVUGO IZATORANYWA MU MARUSHANWA

Imivugo itatu ya mbere izatoranywa izahabwa ibihembo, ijye mu mutungo w'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe, ku buryo yajya ikoresha mu bihe bitandukanye.

Ba nyiri imivugo itatoranyijwe bemerewe kwaka Urwego imivugo yabo, kandi Urwego ntiruzakoresha mu buryo ubwo ari bwo bwose umuvugho utarahawe igihembo.

3. IMIKORESHEREZE Y'INDIRIMBO ZIZATORANYWA MU MARUSHANWA

Mu bihembo bizagererwa abakoze indirimbo eshatu za mbere, hazaba hakubiyemo amafaranga ibihumbi ijana na mirongo itanu (150,000 Frw), buri muhanzi azifashisha atunganya indirimbo ye muri studio.

Indirimbo zitunganyijwe mu buryo bw'amajwi zizahabwa Urwego, zige zikoresha mu bukangurambaga butandukanye ku muco n'indagaciro z'ubutwari.

Ba nyiri indirimbo zitatoranyijwe bemerewe kwaka Urwego indirimbo zabo, kandi Urwego ntiruzakoresha mu buryo ubwo ari bwo bwose igihangano kitahawe igihembo.

4. IBIHEMBO BITEGANYIJWE

Urwego ruzahemba gusa imivugho itatu n'indirimbo eshatu nyuma y'uko ba nyirayo batoranyijwe muri batanu (5) ya mbere bagaragaje n'ubuhanga bwo kubigeza ku bantu;

a) Ibihembo ku mivugho

- Umuvugho wa mbere uzahabwa ibihumbi magana atanu (500,000 FRW),
- Umuvugho wa kabiri uzahabwa igihembo kingana n'ibihumbi magana atatu (300,000 FRW),
- Umuvugho wa gatatu uzahabwa igihembo kingana n'ibihumbi magana abiri (200,000 FRW).

Icyitonderwa: Urwego ruzafata mu buryo bw'amajwi n'amashusho imivugho itatu izatoranywa ige ikoresha mu bukangurambaga ku muco w'ubutwari. Hazifashishwa ubushoboreshya bwo ufitanye amasezerano n'Urwego.



b) Ibihembo ku ndirimbo

- Indirimbo ya mbere izahabwa amafaranga angana n'ibihumbi magana inani, hiyongeraho amafaranga ibihumbi ijana na mirongo itanu yo gufasha umuhanzi gutunganya indirimbo muri studio; yose hamwe abe amafaranga ibihumbi magana acyenda na mirongo itanu (950,000 FRW);
- Indirimbo ya kabiri izahabwa amafaranga angana n'ibihumbi magana atandatu, hiyongeraho amafaranga ibihumbi ijana na mirongo itanu yo gufasha umuhanzi gutunganya indirimbo muri studio yose hamwe abe amafaranga ibihumbi magana acyenda na mirongo itanu (750,000FRW);
- Indirimbo ya gatatu izahabwa amafaranga angana n'ibihumbi magana atanu, hiyongeraho amafaranga ibihumbi ijana na mirongo yo gufasha umuhanzi gutunganya indirimbo muri studio yose hamwe abe amafaranga ibihumbi magana acyenda na mirongo itanu (650,000 FRW);

5. ITSINDA RIZATORANYA IMIVUGO

Imivugo n'indirimbo byose bizakusanywa bizatoranywamo 5 bya mbere n'abakozi b'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe ku bufatanye n'abakozi ba Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco.

Imivugo 5 n'indirimbo 5 bizaba byatoranyijwe bizavugirwa imbere y'abagize itsinda ry'ubukangurambaga ry'Inteko y'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe ku matariki azagenwa, rihitemo imivugo n'indirimbo eshatu bya mbere ari nayo bizahabwa ibihembo.

6. IMITERERE Y'UMUVUGO.

Umuvugo mwiza witezweho ibi bikurikira:

- 1) Gusingiza Intwari z'u Rwanda mu byiciro byazo;
- 2) Gukomoza ku bikorwa byaranze Intwari z'u Rwanda n'icyo buri Munyarwanda cyane cyane urubyiruko akwiye kwigira ku Ntwari;
- 3) Kwerekana indangagaciro z'umuco w'ubutwari.



- 4) Kwigisha, gususurutsa n'injyana inogeye amatwi;
- 5) Ikinyarwanda kinoze n'ubuhanga mu buvanganzo.

7. IMITERERE Y'INDIRIMBO.

Indirimbo nziza yitezweho ibi bikurikira:

- 1) Gusingiza Intwari z'u Rwanda mu byiciro byazo (Imanzi, Imena n'Ingenzi);
- 2) Gukomoza ku bikorwa byaranze Intwari z'u Rwanda n'icyo buri Munyarwanda cyane cyane urubyiruko bakwiye kwigira ku Ntwari;
- 3) Kwigisha indangagaciro z'ubutwari no gususurutsa mu njyana inogeye amatwi;
- 4) Ikinyarwanda kinoze n'ubuhanga mu buvanganzo.


8. INGENGABIHE Y'AMARUSHANWA

No	Itariki	Igikorwa	Abashinzwe Igikorwa
1	Tariki 11-25 Mutarama 2021	Kwakira imivugo n'indirimbo	Abakozi b'Urwego CHENO (uburyo bwagaragajwe haruguru)
2	Tariki 26 Mutarama 2021	Gusesengura imivugo n'indirimbo byose byagejejwe ku Rwego	CHENO/MYCULTURE STAFF
3	Tariki 27 Mutarama 2021	Gusesengura imivugo 5 ya mbere	Itsinda ry'Inteko y'Urwego rishinzwe ubukangurambaga (CHENO)
4	Tariki 28 Mutarama 2021	Gusesengura indirimbo 5 za mbere	Itsinda ry'Inteko y'Urwego rishinzwe ubukangurambaga (CHENO)
5	29 Mutarama 2021	Gutangaza indirimbo n'imivugo itatu bya mbere	<ul style="list-style-type: none"> • Cheno.gov.rw • IGIHE.com • KIGALI TODAY • UMUSEKE.Com



			<ul style="list-style-type: none"> • UKWEZI.Com • INTWARI.Rw
6	31 2021	Mutarama	Guhemba abatsinze CHENO

NKUSI Déo



Umunyamabanga Nshingwabikorwa

